Ubuyobozi bw'Ikipi
y'Igisoro ya RUGENGE
C/O TEL. 7 37 63

Kigali, kuwa 27/12/1997

Bwana Muyobozi wa Siporo, Umuco
no Kwigisha imyuga iciriritse
C/O MIJESCAFOP
B.P. 1044
K I G AL I

Impamvu: Ibaruwa yanyu yo kuwa
24/12/1997 no gusaba indi
tariki yo kuduhuza na
Kimicanga

Bwana Muyobozi,

Tubandikiye tugira ngo tubamenyeshe ko ibaruwa yanyu twavuze haruguru twayibonye tukaba tubashimira.

Bwana Muyobozi, ibikubiye mu ibaruwa yanyu twarabibonye ariko twababajwe n'uko yatugezeho ikererewe ku buryo kubyubahiriza bitadushobokeye. Abo mwayihaye bayitugejejeho ikererewe kubera ibyo bagambiriye kuri uwo mukino. Bityo tukaba tubasaba guhindurirwa undi munsi. Byongeye kandi umukinnyi wacu w'imena azasezerana kuwa 28/12/1997 kandi ikipi yose yarayitumiye.

Bwana Muyobozi,, kubera izo mpamvu zose, turabasaba ko mwadushakira undi munsi wo gukina na Kimicanga ariko mukabitumenyesha hakiri kare (igine) hadasigaye umunsi umwe ngo dukine. Tubonerereje kandi fotokopi y'ibaruwa yanyu yadutumizaga gukina kuwa 28/12/1997 ngo murebe igihe bayitugerejeno.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza, muzatugenera, tubaye tubashimiye, Bwana Muyobozi, umutima mwiza muzakirana ikibazo cyacu.

SEBUSHISHI Pierre
Perezida w'ikipi y'igisoro ya RUGENGE

Bimenyeshejwe:

- Ubuyobozi bwa Equipe y'Igisoro ya Kimicanga

Kigali, kuwa 24/12/97

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRTSE
B.P 1044 KIGALI

Bwana Muyobozi w'ikipe
y'igisoro Rugenge - Kimicanga

Impamvu:
Irushanwa ry'umukino w'igisoro

Bwana,

Kubera ko umukino wagombaga kubahuza tariki ya 21/12/1997 utabaye, turongera kubibutsa ko uwo mukino uzaba ku cyumweru tariki ya 28/12/1997 kuri Stade Amahoro Remera isaa yine za mugitondo.

V le 26/12/97
~~Seteli~~
sakuminebyili namurongo ine
Zanimugomba

KUBWIMANA Gertrude

MIJESCAFOP